

## KUMENYERA UMUCO MURI LETA ZUNZE UBUMWE ZA AMERIKA

Iyo wimukiye muri Amerika, ushobora kumva wishimye kandi ufite ubwoba. Numara kwinjira mu buzima bwawe bushya muri Amerika, uzagira ibyiciro bitandukanye byo kumenyera.



Hari ibyiciro bine byo kumenyera umuco. Igihe n'imbaraga buri cyiciro gifata bigiye bitandukanye. Ushobora kwisanga mu cyiciro kimwe inshuro irenze imwe cyangwa icyo cyiciro ukagisimbuka.

### 1 ICYICIRO CYO KWISHIMIRA UBUZIMA WINJIYEMO

Uba wumva wishimiye cyane ubuzima bwawe muri Amerika.



### 2 ICYICIRO CYO KUGIRA IBIBAZO BIJYANYE UMUCO

Uba wumva ufite ubwoba n'urujijo kuko uba wageze mu gace gashya gatandukanye n'aho umenyereye.




### 3 ICYICIRO CYO KUMENYERA

Uba wumva utekanye cyane mu gace gashya utuyemo. Uba wumva worohewe no gukora ibikorwa bya buri muni.



### 4 ICYICIRO CYO KUBA INTYOZA

Uba wumva wakamiritse ubuzima bushya n'umuco mushya. Ushobora kuba ugifite ibihe bikugoye, ariko uba wifitemo ikintu cyo kwisanisha.



**Mu gihe uri kumenyera ubuzima bwawe bushya muri Amerika, koresha izi nama zagufasha guhangana n'umuhangayiko n'ibibazo byo kutamenya umuco.**

- 1** Iga icyongereza kugira ngo bigufashe gushaka akazi, guhura n'abantu bashya, no gushaka inshuti.



- 2** Ihuze n'abandi witabira ibikorwa by'abaturage, ukora siporo cyangwa ibikorwa by'ubukorerabushake.



- 3** Kora kandi usangize abandi ibikorwa bigaragaza umuco wawe. Urugero, gutegura amafunguro yo mu muco wawe, gukora ibikorwa byerekana imyererere y'idini ryawe, cyangwa gucuranga umuziki.



- 4** Menya ko imibanire mu muryango ishobora guhinduka. Urugero, abana bashobora kumenyera vuba. Ihangane kandi ushyikirane n'abagize umuryango wawe mu buryo bufunguye kandi ubabwiza ukuri.



- 5** Iga amahame mbonezamubano y'Abanyamerika. Urugero, wari uzi ko Abanyamerika benshi batekereza ko guhuza amaso mu kiganiro cy'akazi ari ikimenyetso cy'icyubahiro?



- 6** Ihangane kandi wubahe. Muri Amerika, hari amoko atandukanye, imyizerere ishingiyeye ku idini, imico, hamwe n'ibirebana n'igitsina. Ni ngombwa kubaha abandi, nubwo baba batandukanye nawe.



**Ni ngombwa kwibuka ko kumenyera umuco ari urugendo. Bizafata igihe kugirango umenyere ubuzima bwo mu gace gashya utuyemo. Niba ushaka ubufasha bwisumbuyeho, baza Ikigo Gishinzwe Kwimura no Gutuza.**

**Cultural Orientation Resource Exchange**

For more information, visit Settle In at [settlein.us.org](http://settlein.us.org).



The contents of this fact sheet were developed under an agreement financed by the Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State, but do not necessarily represent the policy of that agency and should not assume endorsement by the Federal Government. **This material is in the public domain and may be reproduced.**